



IGICUMBI MAGAZINE




No. #3 | Mutarama—Werurwe 2025 | www.igicumbi.com |

Umwaka Mushya, Ibitabo bishya,..

DR. CHRISTIAN NTIZIMUKA

Préface du Dr. Susan D. Block
Professeur de Psychiatrie et de Médecine, École de Médecine de Harvard



Kumenya ibitabo byasohotse mu mezi ya mbere y'umwaka ;Mutarama-Werurwe

2025,,ni ugushyigikira abanditsi babyanditse no gufasha abantu kubimenya.....P.11

6 Reasons to Be in Rwanda in 2025.



Known as the *Land of a Thousand Hills*, Rwanda is a breathtaking destination in the heart of East Africa,
.....P.20



Senegal, les choses à connaître sur l'Île de Gorée.....C'est un lieu chargé d'histoire et d'émotion au Sénégal
.....P.21

About us



Umurage Wacu Group

It is social enterprise, created in July 2015 by Rwandese NDAHIMANA Gilbert; librarian, heritage practitioner, writer and photographer, passionate about history, culture, traditions and tourism in general.

Vision

To Promote Rwandan and African heritage and tourism attractions through photography.

Mission

Engage and involve young people to promote Rwandan and African heritage (history, culture, traditions) by working together with the relevant authorities, local communities, and organizations aimed at promoting Rwandan and African's Heritage.

Objective

To promote Rwandan and African heritage (cultures, history, traditions) and tourism attractions through internet.

To conserve, protect, promote Rwandan and African cultural heritage to the world through cultural exchange programs and photography.

www.igicumbi.com

Promotes Rwandan and African heritage (cultures, history, traditions) tourism attractions through internet.

Publishes articles in 4 languages (Kinyarwanda, French, English and Kiswahili),

A website for Online Exhibition for Rwandan and African artists, crafts associations and cooperatives.

The 1st website to find information's and specially about Rwandan and African heritage and tourism attractions.

Igicumbi Magazine

Online and Printed Magazine

Published 4 times per year (January-March, April-June, July-September, October-December)

Distributed in libraries, cultural centers,...

Add documents and books to read in ways to promote reading cultures.

conservation is richness



@umuragewacu



@umuragewacugroup



@umuragewacu

AMATEKA-Ahantu



Gasabo: ibintu 45 bitandukanye ukwiriye kumenya mu Akarere ka Gasabo.

Akarere ka Gasabo ni kamwe mu turere dutatu tw'umuji wa Kigali, ni akarere gafite ubuso bwa km² 430.30, kagizwe n'imirenge 15, utugari 73 n'imidugugu 485.

Ikicarwo cya Karere ka Gasabo kibarizwa mu murenge wa Remera Akagari ka Nyarutarama.

Akarere ka Gasabo kabayeho nyuma y'itegeko Ngenga rigena inzego z'imitegekere y'igihugu cy'u Rwanda N°29/2005 ryo kuwa 31/12/2005. Kabayeho kuwa muri Mutarama 2006.

Gaherereye mu majyaruguru y'iburasirazuba bw'umuji wa Kigali, gahana imbibe n'akarere ka Kicukiro mu majyepfo, akarere ka Gicumbi mu majyaruguru, Rwamagana mu burasirazuba na akarere ka Nyarugenge mu bu-rengerazuba.

Dore ibintu bitandukanye ukwiriye kumenya ko biba

muri Gasabo

1. Ibiro bya Perezida wa Repubulika biba mu Karere ka Gasabo
2. Sitade Amahoro, BK Arena na Petit Stade biba mu karere ka Gasabo.
3. Gare ya Remera na Gare ya Kimironko ziba mu karere ka Gasabo.
4. Umurenge wa Remera n'Umurenge wa Kimironko biba mu karere ka Gasabo.
5. Inteko Ishinga Amategeko yubatswe mu Karere ka Gasabo

6. Urwibutso rwa Jenoside Yakorewe Abatutsi rwa Gisozi (Umurage w'Isi) ruba mu karere ka Gasabo.
7. Hotel Chez Lando (1980) ibarizwa mu Karere ka Gasabo.
8. Nyandungu Eco Park iba mu karere ka Gasabo
10. Convention Center iba mu karere ka Gasabo
11. Minisiteri y'Ingabo z'igihugu iba mu karere ka Gasabo
12. Akarere ka Gasabo gakora ku kiyaga cya Muhazi.

13. I Rutunga (hari ibigabiro by'umwami) ni mu karere ka Gasabo.
14. I Bumbogo (hari ibigabiro by'umwami) ni mu karere ka Gasabo
15. Imidugudu igezweho; Gacuriro, Nyarutarama, Kibagabaga,...iri mu karere ka Gasabo.
16. Icyanya cy'inganda (Kigali Special Economic Zone) kiri mu karere ka Gasabo.
17. Mu murenge wa Bumbogo, hari ahantu havugirizwaga ingoma zabyutsaga umwani hazwi nka Vuga Vuge.
18. Kigali Public Library (2012), isomero ry'abaturage rya Kigali rya mbere mu gihugu riba muri Gasabo
19. Isomero n'ishyiruranyandiko by'igihugu biba mu karere ka Gasabo.
20. Umurenge wa Kacyiru, ucumbikiye imiryango mpuzamahanga n'ambasade zikomeye .
21. Umurenge wa Kacyiru, ni igicumbi cy'amasomero akomeye mu gihugu.
22. Umurenge wa Remera, ni igicumbi cy'ibikorwaremezo by'imikino.
23. Igicumbi cy'Intwari kiri mu murenge wa Remera.
24. Université Libre de Kigali, University of Kigali ziba mu karere ka Gasabo.
25. Amashuri Mpuzamahanga akomeye (Green Hills, Saint Paul International School, La Colombe, Kigali International School, Ecole Belge,... aba mu karere ka Gasabo
26. Kigali Innovation City iherereye mu murenge wa Kinyinya
27. I Kabuga (mu murenge wa Rusororo) hari ingoro ya Yezu Nyirimpuhwe
28. Umurenge wa Rusororo niwo utandukanya Gasabo n'Akarere ka Rwamagana.
29. Umurenge wa Bumbogo, niwo utandukanya Gasabo n'Akarere ka Rulindo.
30. Igishanga cya Rugende gitandukanya akarere ka Gasabo na Rwamagana.
31. Gasogi ni umusozi uri mu murenge wa Ndera (Gasabo)
32. Akarere ka Gasabo gacumbikiye ingoro ndangamurage y'Amateka y'Urugamba rwo Kwibohora.
33. Mambino Super City iba mu karere ka Gasabo.
34. Ibitaro bya Roi Faysal biri mu karere ka Gasabo
35. Kaminuza Mpuzamahanga; Carnegie Mellon University na African Leadership University ziba mu karere ka Gasabo
36. Paruwasi Regina Pacis iba mu karere ka Gasabo
37. Igisigazwa cya Burende ifite amateka mu rugamba rwo kubohora u Rwanda. Iba I Kagugu mu murenge wa Kinyinya.
38. Kaminuza y'u Rwanda (College of Medicine and Health Sciences) iba mu murenge wa Kimironko (Gasabo).
39. Umudugudu wa Batsinda uba mu Akagari ka Kagugu, umurenge wa Kinyinya.
40. Imisozi ya Bumbogo, Gasogi, Jali, Rutunga, Gisozi,...iba mu karere ka Gasabo.
41. Isoko rya Kimironko riba mu murenge wa Kimironko.
42. Uruganda rw'Isukali rwa Kabuye ruba mu murenge wa Jabana (Gasabo).
43. Uduce tuzwi nka Nyagatovu, Bannyahe, Mu Migina, Mu Bibare, , Giturusu, Nyabisindu, Birembo, Zindiro, Gisimenti, Rwabutare,...tuba muri Gasabo.
44. Imirenge ya Rutunga na Bumbogo ifite ahantu habitse ahantu ndangamateka y'u Rwanda.
45. Umugezi wa Nyabugogo, ufite igice kinini mu karere ka Gasabo.

INTWARI Z'U RWANDA



Tariki ya 1 Gashyantare buri mwaka ni umunsi mukuru wo Kwibuka Intwari z'u Rwanda. Intwari z'u Rwanda ziri mu byiciro bitatu; *Imanzi*, *Imena* n'*Ingenzi*.

Imanzi

Ni cyiciro dusangamo intwari Gisa Fred Rwigema n'Umusirikare utazwi. Ni intwari zakoze ibikorwa byo kwitangira igihugu, zikahasiga ubuzima.

Imena

Ni cyiciro dusangamo intwari Umwami Mutara III Rudahigwa Charles Léon Pierre, Rwagasana Michel, Uwilingiyimana Aagatha, Niyitegeka Félicité, n'abanyeshuri b'I Nyange 40 harimo nka Bizimana Sylvestre, Mujawamahoro Chantal na Mukambaraga Beatrice,....hari abapfuye n'abarokotse icyo gitero.

Ni intwari zakoze ibikorwa bihebuje, zikitangira igihugu. Kuba Imena ntabwo bisaba kuba uri intwari itakiriho.

Ingenzi

Ni icyiciro cy'intwari zahize abandi mu bikorwa, mu bitekerezo no mu mibereho, bakabera abandi urugero. Nta ntwari irajya muri iki cyiciro.

CHENO (Chancellery for Heroes, National Orders and Decoration of Honour.) yashinzwe mu mwaka wa 2009. Niyo ishinze gushyira abantu mu ntwari no kubaha imidari n'ishimwe mu Rwanda. Ushobora gusaba gushyirwa mu ntwari cyangwa kubisabira undi muntu, maze bagakora ubushakashatsi ku busabe bwawe.

Indirimbo y'igihugu *Rwanda Nziza* igira iti: "Abakurambere b'Intwari bitanze batizigama, baraguhanga uvamo ubukombe, utsinda ubukoroni na mpatse ibihugu, none uraganje mu bwingenge, tubukomereho uko turi twese."

Ubukerarugendo

Kigali, ibintu 13 by'ingenzi byo gukora mu mujiyi rwagati

Hazwi nk'I Nyarugenge, I Nyarurembo, mu marembo y'u Rwanda, mu mujiyi rwa gati hari ahantu henshi heza; ahantu ho kuruhukira, gusura, gutemberera, gukinira, kwigira, kuganirira n'ibindi.



1.Gusura Kandt'Museum

Ni ingoro iherereye mu mujiyi wa Kigali rwagati, izwi ku izina ryo kwa kandt, yabayemo umudage witwaga Richard Kandt washinze umujiyi wa Kigali mu mwaka wa 1908.

Ni ingoro igizwe n'ibyumba bitandukanye bigaragaza amateka y'abanyarwanda mbere y'umwaduko w'abazungu mu Rwanda, mu gihe cy'ubukoroni ndetse n'umwaduko w'abazungu mu Rwanda. Igaragaza amateka y'abadage mu Rwanda, ndetse no mu karere. Igice cyo hanze kigaragaza inzoka zitandukanye harimo; impiri, inshira n'izindi.

Richard Kandts yari umuganga, umushakashatsi, umusirikare, yaje muri afurika aje gushakisha isoko y'uruzi rwa Nili, yayimvumbuye mu mwaka wa 1897.

Iyi ngoro iherereye iruhande rw'icyapa cy'imodoka, zigana I Nyamirambo, ahahozere gereza ya 1930, hirya gato y'amashuri yisumbuye ya Cyahafi.

2.Gutemberera mu Imbuga City Walk

Umujyi wa Kigali wakoze Imbuga mu rwego rwo gufasha abanyamujyi ndetse n'abahagenda kubona ahantu ho kwicara, gukinira, kuganirira, kuruhuka, gusomera ibitabo, kubona iterineti y'ubuntu.

Iyi mbuga igizwe n'ubusitani, intebe zo kwicaramo, ahantu ho gutegurira ibirori ndangamuco, kugura ibintu byo kurya no kunywa, ahantu ho kugenda n'amaguru n'igare. Ni ahantu ushobora gutemberera wowe wenyine, inshuti, abavandimwe n'umuryango. Abana bafite ahantu bakinira iruhande rwaho. Iherereye iruhande rw'ibiro by'umujyi wa Kigali ahari hazwi nko muri Car Free Zone.

3.Gusura Kigali Conference and Exhibition Village

Ahantu hategurirwa ibitaramo bitandukanye biri-
mo ibiganiro mbonankubone, amahugurwa, ib-
itaramo bya muzika, impurika ry'ibihangano,
ahantu ho gusura ibikorwa bya Made In Rwanda
bikorwa n'abantu batandukanye.

Iherereye iruhande rwa Serena Hotel, hazwi nka
Camp Kigali.

4.Gusura Camp Kigali Belgium Memorial

Urwibutso rw'abasirikari b'ababiligi ruzwi
nka Camp Kigali Belgian Memorial ruherereye mu
muji wa Kigali ahahozwe ikigo cya Gisirikare hazwi
nka Camp Kigali. Ni urwibutso ruha icyubahiro
abasirikare icumi ba baparakomando bari barinze
Minisitiri w'Intebe Agathe Uwiringiyimana bishwe
tariki ya 7 Mata 1994, ababiligi 12 baguye mu
Rwanda harimo abapadiri babiri hamwe n'abatusti
bishwe muri jenocide ndetse n'abandi bese bish-
we muri za jenocide zabaye hirya no hino ku isi.
Ni urwibutso rugizwe n'igice cyo mu nzu ndetse
no hanze. Ihereye iruhande rwa Serena Hotel na
Kigali Conference and Exhibition Village kandi
kuyisura ni Ubuntu.

5.Gusoma ibitabo muri Centre Iriba

Abakunda gusoma, ni byiza kugera kuri Centre Iri-
ba, ahantu usanga ibitabo bitandukanye bivugako ku
mateka, umuco by'u Rwanda mu ndimi zitan-
dukanye, byanditswe n'abanyarwanda cyangwa
abanyamahanga.

Ni ahantu hazwi mu kubika amateka, gukora
ubushakashatsi kuri jenocide zabayeho ku isi, iyica
rubozo ryakorewe ikiremwa muntu.

Kuri Centre Iriba ni ahantu habera ibirori
ndangamuco, amampurika atandukanye. Bakora
kuva kuwa Mbere-Kuwa Gatanu, haherereye ku
Muhima.

6.Gutembera ku igare

Mu rwego rwo kugira imijyi ikeye, itangiza
ibidukikije, imijyi ishyigirikira iterambere rirambye,
imijyi ifasha abayituye kugira ubuzima
bwiza, uburyo bwiza bwo gutembera mu mijyi ni
ugukoresha igare.

Mu muji wa Kigali hari ahantu hatandukanye
umuntu ashobora gufata igare akarikoresha mu
rugendo rwaho ashaka kujya hose. Amagare kandi
afasha mu gukora siporo, umuntu akarambura
imitsi.

Gukoresha igare Camp Kigali/Chuk-Kigali City, bisa-
ba gushyira apulikasiyo muri telephone yawe, uke-
meza ko ugiye gukoresha igare, ugatanga imyiron-
doro yawe (Indangamuntu).

7.Kuganirira mu Busitani bw'U- muji (Iruhande rwa AIM Bank)

Ahantu ho kwicara mu busitani bwiza, kwifotoreza
amafoto meza, hubatse neza, hatuje, haboneka
iterineti y'ubuntu, ahantu ho kuganirira no guso-
mera ibitabo. Ni ahantu umuntu ajya akitekere-
zaho, agafata ingamba z'ubuzima, z'akazi n'ibindi.

8.Gutemberera muri Norrsken Kigali

Ikigo gishyashya gifasha ba rwiyekezamirimo mu kubona ahantu bakorera, ni ahantu habereye gutemberera, kwifotoreza ndetse ni amahirwe yo kumenyana n'abo ba rwiyekezamirimo baba bahakorera. Ushobora kubona ahantu wanywera ikawa, kwicara mu busitani buhari...

Norrsken Kigali ikorera ahahozze Ecole Belge.

9.Gukina Chess muri Kigali Chess Cafe

Namenye uyu mukino mu mwaka wa 2013, ariko waranshimishije cyane, ni umukino w'ubwenge, uhuza abantu bagakina, bakarushanwa, ufasha umuntu kumenya ko yatsinda no gutsindwa akabyakira, utuma umuntu yiyubakamo icyizere no kugira ibitekerezo byagutse/bishya.

Umukino wa Chess, ni umukino utuma ubwonko bw'umuntu butekereza cyane, gutekereza vuba, ukareba kure, ikintu gifite akamaro. Ukaba umuntu ubasha guhitamo igikwiriye, gukemura ibibazo vuba. Chess Caffé ifasha abashaka gukina kuza bagakina kandi basangira, iherereye iruhande rwa Bank of Kigali, umuhanda umpanuka uva ku muji wa Kigali, haruguru ya Librarie Caritas.

10.Gusura Kiliziya y'Umuryango Mutagatifu (Sainte Famille)

Inyubako ya Kiliziya Gaturika (Sainte Famille) yubatswe mu 1913, ni inzu ifite umurage mu bwubatsi bitewe n'ukuntu yubatswe imbere n'inyuma. Igisenge cyayo cy'imbere kirashimishije, ni byiza kureba ubwo buhanga bubakishije.

Waba uri umukiristu w'idini gaturika cyangwa utariwe. Umuntu wese ubishaka yabasha kujya kureba iyo nyubako imaze imyaka iri hejuru y'ijana (100). Hanze y'inyubako hari urwibutso rwa Jenocide yakorewe abatutsi muri Mata 1994, ruha icyubahirwa abatutsi baguye muri icyo kiliziya no mu nkengero zayo.

11.Goethe Institute

Inzu ndangamuko y'abadage izwi ku izina rya Goethe Institute, ni ahantu bigisha ururimi rw'ikidage, ahantu wasura ugasoma ibitabo bitandukanye, guhurira n'abahanzi, kwitabira ibitaramo bikunda kuhabera (Live Music, Theatre, film, comedy,...). Iherereye mu kiyovu, hakurya ya Ste Famille Hotel, ku muhanda uzamuka iruhande rwa Kigali View Hotel.

12. Gusura Hotel des Mille Col-lines

Hoteli yubatswe mu 1973, ni imwe muri hoteli zikomeye mu Rwanda, ifite inyenyeri 5, yubatswe izina ku rwego mpuzamahanga, yakiriye abanyacyubahiro bakomeye. Ni hoteli wagana ugiye kuruhuka, kuganira, kogerera mu bwongero bwayo, kureba imitako ifite, ubusitani bwayo n'ibindi.

13.Kujya gusenga

Kujya kwiyegezera Imana muri zimwe mu nsengero ziri hafi mu muji rwagati; ku Nkurunziza, ADEPR Gakinjoro, kujya mu kiliziya Ste Michel, kujya mu musigiti ku Iposita. *Byongeyeho ushobora no guhitamo ahantu wakwicara ugafata kamwe ntimba ukabasha, ahantu wafatira amafunguro ushaka ndetse naho wanywera ikawa, icyayi, Amata.*



Muhanga, ibintu byo gusura mu misozi ya Ndiza

Uruhererekane rw'imisozi ya Ndiza ruherereye mu karere ka Muhanga na Kamonyi mu ntara y'amajyepfo. Ni uruhererekane ruri mu gice cy'amajyepfo cy'iyi ntara, mu gice cyayo cy'igizwe n'icyaro.

Dore ibintu wasura:

Ishyamba rya kimeza rya Busaga

Ni ishyamba kimeza rifite ubuso bwa Hegitare 154, riherereye mu karere ka Muhanga, mu Ntara y'Ama-jyepfo, riri mu Murenge wa Rongi. Ni ishyamba rizwi kuba rivamo ibiti by'imiti ivura abantu n'amatum-go, inyoni, inzoka, ibihunyira, inkima n'imondo, ingunzu n'izindi.

Mu biti birebire biboneka muri iryo shyamba harimo; umuyove, umusebeya, umurangara n'ibindi.

Ishyamba rikurura imvura muri ako gace, bigatuma haboneka imvura cyane, bigatuma abarituriye bah-inga mu bihe byose haba mu mvura cyangwa mu guhe cy'izuba.

Ikiraro cya Bourget.

Ni ikiraro kireshya na metero hafi na 10 cg 12 z'uburebure na metero 2 z'ubugari, gihuza akarere ka Muhanga na Ngororero mu ntara y'uburengerazuba. Cyubatswe mu mwaka wa 1978.

Gusura ibitaro by'Akarere bya Nyabikenke (Nyabikenke District Hospital)

Ni ibitaro byubatswe ku nkunga ya Perezida wa Repuburika Paul Kagame yabemereye mu mwaka wa 2015. Bifite ubushobozi bwo kwakira abarwayi bagera ku 160.

Urugomero rwa Nyabarongo I

Ni urugomero rw'amashanyarazi ruri mu Murenge wa Mushishiro. Rwuzuye kandi rutangira gukora muri Ugushyingo 2014, rutanga amashanyarazi angana na Megawatts 28. Rwubatwe na Company Bharat Heacy Electricals Limited yo mu Buhinde.

Rwatashywe ku mugaragaro na Perezida wa Repuburika, tariki ya 5 Werurwe 2015.

Umudugudu w'icyitegereze wa Horezo

Ni umudugudu uherereye mu murenge wa Rongi, watashywe na Perezida wa Repuburika Paul Kagame tariki ya 4 Nyakanga 2018 mu kwibuka Kwibohora 24. Ni umudugudu watujwemo abantu bakuwe mu manegeka mu mirenge ya Nyabinoni na Rongi, bagatuzwa ahantu heza.

Amasangano ya Nyabarongo na Mukungwa

Ahantu hafite amateka mu Rwanda imigezi minini mu Rwanda ihuririra, ahantu ha hurira intara eshatu z'u Rwanda (Uburengerazuba, amajyepfo n'amajyaruguru).

Kureba aho hantu hafite amateka mu mazi y'u Rwanda; amazi ya Nyabarongo aturuka mu majyepfo mu ishyamba rya Nyungwe, afatwa nk'isoko ya Nili, agahura n'amazi ava mu biyaga by'impanga (Burera na Ruhondo) byavutse kubera ibirunga biherereye mu majyaruguru.

Gusura ibitaro bishya bya Shyira

Ni ibitaro byubatswe ku buryo bugezweho, bisimbura ibyari bisanzwe bya kera. Byatashywe na Perezida wa Repuburika Paul Kagame mu mwaka wa 2017 mu kwizihiza Kwibohora 23.

Ikiraro cyo ku Muvumba

Gusura ikiraro cyo ku Muvumba gihuza intara y'amajyepfo (Muhanga) n'intara y'amajyaruguru (Gakenke).

Ibindi:

Ikirenge cya Ruganzu kiri mu murenge wa Kibangu.

Umugezi wa Nyakabanda, uturuka mu misozi ya Ndiza.

Gutembera mu cyaro, kureba ubuzima bwo mu cyaro; guhinga, guteka, gusarura, kuboha, kwigisha,..

Kugenda mu bwato bw'ibiti

Gusura ababumbyi b'amategura n'inkono.

Gusura umugezi wa Bakokwe

Kiliziya ya Kanyanza yubatswe mu mwaka wa 1949

Gusura imirima y'ubuhinzi bw'umuceli, urutoki

Gusura ibikorwa by'ubuvumvu.

Gusura ubworozi bw'inka.

Gusoma 2025, ibitabo byasohotse muri Mutarama-Werurwe 2025



Gutangira intangiro z’umwaka, tumenya ibitabo bishya byasohotse ni ugushyigikira abanditsi baba barakoze icyo gikorwa. Kumenya ibitabo byasohotse mu meze ya mbere y’umwaka wa 2025, bifasha kumenyekanisha ibyo bitabo maze abantu bakazabisoma muri uwo mwaka mushya.

Bifasha gukuza uruganda rw’ibitabo mu Rwanda, abanditsi bakamenyekana, abantu bakagira umuco wo gusoma no kwandika.

1. Le Concept de Safari : Un Cadre Africain Pour les soins de Fin de Vie.

Igitabo Cyanditswe na Dr Christian Ntuzimira, cyasohotse tariki ya 18 Mutarama 2025 kuri Mundi Center. Dr Christian .

yari kumwe na Dr Déo Mbonyinkebe basobantura akamaro k’iki gitabo ku ruhande rw’abanyarwanda n’abanyafurika muri rusange.

Umwanditsi mu gitabo yaditse: *hari umugani mugufi mu Kinyarwanda uvuga uti : «Iyo umeze neza, uba uri uwawe/biba ari ibyawewe. Ariko warwara ukaba uw’umuryango. »*

Ni igitabo kigizwe n’amapaji 183, kiri mu rurimi rw’icyongereza n’igifaransa. Ijambo « *safari* » bisobanura *urugendo* mu rurimi rwa Kinyarwanda. Muri iki gitabo, bisobanuye urugendo umurwayi aba arimo. Umwanditsi avugaga ku buzima bw’abarwayi barwaye indwara zidakira, bari mu minsi yabo ya nyuma yo kubaho. Ubuzima baba barwariyemo, uko imiryango yabo ibabaga hafi, uko abaganga babavuraga n’ibindi.

2. Igitabo Lost in the Mist of Antiquity (Vol.1)

Ni igitabo cyo mu bwoko bw’amashusho/ kivugaga ku nkuru izwi mu mateka y’u Rwanda; Maguru ya Sarwaya n’insibika. Cyanditswe na Manzi Yves Protogene (Manzi Evans (Manzi yp Arts) hamwe na Katu Ben. Igitabo cyasohotse tariki ya 31 Mutarama 2025 kuri Goethe Institute.

3. Rwanda 2009-2012

Igitabo kivuga kuri Jenoside yakorewe abatutsi muri Mata 1994, cyanditswe na Antoine Mugesera. Igitabo kivuga ku buzima bw'abarokotse jenoside yakorewe y'abatutsi, ubuzima bari barimo hagati y'imyaka 2009-2012.

Igitabo kigaragaza neza iby'ibanze byari bikenewe ku barokotse nyuma yo kuva muri ubwo bwicanyi. Cyerekana uruhare rw'itangazamakuru ry'abanyamerika, imiryango mpuzamahanga ndetse n'abantu bamwe na bamwe mu guhakana Jenoside yakorewe abatutsi. Cyasohotse tariki ya 20 Werurwe 2025 ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Gisozi.

4. Ijuru nk'intego

Igitabo cyanditswe na Francois Xavier Ngarabe, kivuga ku incamake y'ubuzima bw'abagaragu b'Imana, Sipiriyani Rugamba na Daforoza Mukansanga n'umuryango wabo urimo abana bapfanye. Cyasohotse tariki ya 22 Werurwe 2025 kuri Communauté de l'Emmanuel (Kicukiro)

5. A la Jeunesse du Rwanda et de la terre: Comprendre le Mécanisme Genocidaire

Ni igitabo cyagenewe urubyiruko ku bibazo bibaza kuri Jenoside Yakorewe Abatutsi muri Mata 1994, kigizwe n'ibibazo n'amagambo.

Ababyeyi babura amagambo yo kuvuga, kubera iki? Imyaka y'urubyiruko ni imyaka urubyiruko rwibaza ibibazo by'ingenzi. Cyasohotse muri Werurwe 2025.

6. Les Mille Col- lines á coups de Pedale.

Ni igitabo cyanditswe na Joseph Ndwaniye na Paul De Gobert, kivuga ku magare mu Rwanda. Umwanditsi avuga ku giti cye; kugenda ku igare bwa mbere mu Rwanda, akavuga ku buzima bw'abanyonzi, kugeza ku mateka y'umukino w'amagare usigaye ari irushanwa rikomeye mu Rwanda.

Ni igitabo kirimo imivugo n'amafoto byiza ku bakoresha amagare mu gihugu cy'imisozi gihumbi. Kibutsa ku Irushanwa Mpuzamahanga ry'Amagare rizabera mu Rwanda tariki ya 21-28 Nzeri 2025. Cyasohotse muri Werurwe 2025.

7. Avant la Nuit

Ni igitabo cyanditswe na Maria Malagardis, kivuga ku mateka y'ukuri y'u Rwanda, ubwicanyi bwabaye mu 1993, avuga ku mibanire y'abanyarwanda. Igitabo ubwacyo kivuga k'ubumuntu. Cyasohotse 30 Werurwe 2025 kuri Kigali Public Library, hari n'umufasha wa Perezida, Jeanette Kagame.

Gusoma 2025, ibitabo 12 wasoma muri uyu mwaka

Kugira umuco wo gusoma ibitabo ni umuco ukwiriye kuranga umuntu wese ushaka kugira ubwenge, kubaka ubuzima bwe, kugera ku bintu byinshi. Ibitabo bitanga ubwenge bwinshi mu bintu bitandukanye bifasha mu kuba muri iy'isi.

Umurage wacu Group wabatoranyirije ibitabo 12 wasoma muri uyu mwaka.



Nibura ugasoma igitabo kimwe buri kwezi. Ni ibitabo twahuje n'amatariki ndetse n'iminsi y'amateka yizihizwa mu Rwanda no muri Afurika muri uko kwezi. Ni ibitabo kandi byasomwa n'urubyiruko

Deep Work (Mutarama)

Gutangira umwaka usoma igitabo gitanga inama zo gukora! Igitabo cyanditswe na Cal Newtork, kivuga ku kugira akamenyero ko gukora Cyane, kwivanamo ibikurangaza, maze ukabona umusaruro w'akazi kawe mu gihe gito.

Igitabo gitanga amategeko ane yo kugenderaho; harimo rimwe rivuga kureka imbuga nkoranyambaga (social media) igihe urimo gukora ikintu runaka..

Mapping of choices (Gashyantare)

Ni igitabo cyanditswe na Fred Mugisha, umwanditsi ugaragaza ko iherezaho ry'ikintu rituruka mu ntangiriro zacyo. Umuntu aba akwiriye kwitondera amahitamo ye kubera ashobora kugira ingaruka ku iherezaho ryayo.

Umwanditsi akomeza yibutsa abantu kumenya amahitamo bakora kubera agira ingaruka ku buzima bwabo. Amahitamo akorwa n'abantu bose; umwana, umunyeshuri, umwubatsi, umuganga, urubyiruko, abakuru. *Tariki ya 1 Gashyantare, ni umunsi w'intwari.*

Umwari Ubereye u Rwanda (Werurwe)

Igitabo cyanditswe na Uwase Immaculate , kigaragaza agaciro k’umugore kuva kera mu mateka n’ubushobozi bwabo. Avuga ku mahirwe bafite ubu bagomba kubyaza umusaruro.

Tariki ya 8 Werurwe umunsi Mpuzamahanga w’Abari n’Abategarugori.

Do not Accept to Die/N’accepte pas De Mourir (Mata)

Igitabo kiri mu cyongereza no mu gifaransa cyanditswe na Dimitrie Sissi Mukanyiligira kivuga kuri Jenocide yakorewe abatutsi muri Mata 1994. Umwanditsi yari afite imyaka 23, umukobwa wari urangije kwiga, wishimye, yumva yishimiye ubuzima, afite umukunzi bakundana,..ariko jenocide igahindura byose mu buzima bwe.

Mu gitabo avuga ubuhamya bw’ubuzima yanyuzemo, gupfusha ababyeyi, gusigarana n’abavandimwe.....

Tariki ya 7 Mata, kwibuka Jenocide Yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Heritage Fellings : Comment Les Jeunes Africains perçoivent leurs Patrimoines (Gicurasi)

Igitabo kivuga uko urubyiruko rw’Afurika rwumva/rufata imirage yabo, ni ubutumwa bw’urubyiruko 13 runyamwuga mu bintu by’imirage. Cyanditswe n’urubyiruko nyafurika ruba mu muriyango wigenga Patri Mundus ukorera mu Bufaransa.

Cyanditswe hibazwa ikibazo mu kuzirikana, umwimerere w’abanyafurika mu gusigasira, kumenyekanisha, kurinda, kwigisha imirage mu iterambere rirambye.

Tariki ya 5 Gicurasi ni umunsi Mpuzamahanga w’Imirage Y’isi yo muri Afurika!

S’organiser pour Réussir (Kamena)

Ni igitabo cyanditswe na David Allen, kivuga ukuntu wagira gahunda maze ukagera ku tsinzi. Gutekereza intego zawe buri gihe n’igihe iz’ibanze zihindutse. Ukivanamo imyumvire yo gukora mu kajagari, ukorera ibintu byinshi icyarimwe, gukora udatekanye,.

Rwanda Domain: Une Longue Marche Vers la Transformation (Nyakanga)

Igitabo cyanditswe na Kimonyo Jean Paul, umwanditsi avuga ko nyuma y’imyaka hahagaritswe Jenocide Yakorewe Abatutsi muri Mata 1994, ko ibibazo by’ibazwa ni impinduka mu iterambere ry’igihugu. Hakibazwa ukuntu igihugu cyari mu bihugu bikennye ku isi, igihugu cyashegeshwe na jenocide cyabashije kwiubaka vuba vuba.

Umwanditsi kandi asobantura amavu n'amavuko y'umuryango wa FPR.

Tariki ya 4 Nyakanga ni umunsi mukuru wo Kwibohora.

Umuco mu Buvanganzo (Kanama)

Igitabo cyanditswe na Nsanzabera Jean de Dieu, kivuga ku muco nyarwanda, imihango n'imigenzo y'abanyarwanda, ki kanavuga ku buvanganzo nyarwanda; ibitekerezo by'abanyarwanda,.

Kuwa Gatanu w'icyumweru cya mbere cy'ukwezi kwa Munani (Kanama) Ni Umunsi mukuru w'umuganura mu Rwanda.

Around the world with A Shitty Passports (Nzeri)

igitabo cyanditswe na Faris Nomand, umunyasudan uba mu Rwanda, ukunda gutembera, kivuga ku kugenda mu bihugu bitandukanye ku isi akoresheje Passport ye, aho yagiye yangwa, ahandi bakayemera,...ni ubuhamya bw'imyaka 10 akora ibikorwa byo kugendagenda ku isi.

Tariki ya 29 Nzeri aba ari umunsi mukuru w'ubukerarugendo.

Kagame Paul: Imbarutso y'Ubudasa bw'u Rwanda (Ukwakira)

Ni igitabo cyanditswe na Hategekimana Richard, kivuga kuri Perezida Paul Kagame ku budasa bwe mu rugendo rwo kuyobora u Rwanda, uko yagendaga abikora mu buryo budasazwe kandi bugatanga umusaruro.

Igitabo kigaragaza urugendo rw'iterambere ry'u Rwanda, uruhare rw'abanyarwanda mu gukunda igihugu cyabo n'ubuyobozi bwabo kubera ibyiza babagezaho.

Tariki ya 1 Ukwakira ni umunsi wo gukunda igihugu.

Les mots pour les Maux (Ugushyingo)

Igitabo cyanditswe na Karamo Sangare, ni igitabo gihuza ubusizi n'iterambere ku giti cyawe, aho amagambo akiza ibikomere by'imitekerereze ibabaje. Igitabo gifasha mu gufasha mu gutera imbere mu gukira, amagambo agafasha mu kuvuga icyo utekereza no gukiza amagambo atavugwa buri muntu aba afite.

Umwanditsi avuga ku bintu bihangayikisha abantu, urukundo, kwigirira icyizere, kubabarira n'ibindi byinshi bibabaje abantu mu isi y'u yu munsi.

The Magic of Thinking Big (Ukuboza).

Ni igitabo cyanditswe na David J.Schwartz, kivuga ukuntu umuntu akuza impano yo kwigirira icyizere, ugatsinda ubwoba, ukagira intego nziza, ukagira n'imitekerereze yo gutsinda.

Mu gice cya mbere k'igitabo, umwanditsi avuga rwose ko ukwiriye kwizera ko uzatsinda, ukirinda gutekereza ibintu byo gutsindwa.

P.S:Tukurarikiye gusoma "Igicumbi Magazine",

Afurika

Ibintu Kamere bitangaje muri Afurika



Umugabane ufite ibintu kamere bitangaje biri mu bihugu bitandukanye bigize uyu mugabane. Ni imirage kamere yabayeho nta muntu ubigizemo uruhare, ni ahantu karemano. Ubisanga kuva mu majyaruguru kugera mu majyepfo, iburasirazuba kugera mu burengerazuba no hategati.

1. Cape Agulhas

Ni ahantu inyanja y'ubuhinde n'inyanja ya Atalatika bihurira muri Afurika y'epfo mu muji wa Cape Town. Amazi y'urwunyonyu avuye mu nyanja y'ubuhinde agahura n'amazi akonje avuye mu nyanja ya Atalatika, kuburyo uba ubona itandukaniro ryayo kanti ntabwo ahita yivanga.

2. Victoria Falls (Zimbabwe na Zambia)

Umurage ndangamurage uri ku mirage y'isi ya UNESCO, uzwi nka Victoria Falls, uri ku ruzi rwa Zambezi, ukaba uhuriweho n'ibihugu biri Zimbabwe na Zambia. Ni kimwe mu bintu biri ku rutonde rw'ibintu birindwi bitangaje ku isi.

3. Ibirunga (Rwanda-RDC-Uganda)

Uruhererekane rw'imisozi y'Ibirunga iri hagati y'ibihugu by'u Rwanda, Uganda na Repuburika Iharanira Demokarasi ya Congo. Iyo misozi izwi kubamo inyamaswa z'Ingagi zirimo gucika ku isi. Mu kirunga cya Sabyinyo niho ibyo bihugu bihurira.

4. Uruzi rwa Nile (Ethiopia-Sudan-Egypte)

Uruzi rurerure muri Afurika, rureshya na metero 4650. Ni uruzi rufata isoko yarwo mu bihugu by'u Rwanda na Burundi rukagenda rwirohamo andi mazi ava mu bihugu bigera kuri 10. Mu gihugu cya Sudan niho hahurira Nile Blue na Nile Blanc maze rukaba uruzi rumwe, rukomeza rugana muri Egypte aho rwirohera mu Nyanja ya Mediterane.

5. Kazungula

Kazungula hazwi kuba hahurira ibihugu bine aribyo Zimbabwe, Zambia, Botswana na Namibia,.

ibyo bihugu byose bigahurira ku ruzi rwa Zambezi.

6. Amashyamba ya kimeza (Gabon-Rep. Centrafricaine-RDC)

Amashyamba afatwa nk'ibihaha by'isi kubera uruhare ibiti bigira mu gutanga umwuka mwiza mu kirere. Mu bihugu biherereye muri Afurika yo hagati bifite ubuso bunini bw'amashyamba, ibiti birebire, amashyamba y'inzitane, acumbikiye inyamaswa zitan-dukanye, kandi atuma hagwa imvura nyinshi.

7. Ubutayu bwa Sahara

Ubutayu bunini ku isi, bufashe umwanya munini aho buherereye, bugabanya Afurika ya Ruguru n'iy'epfo. Bukora ku bihugu bigera ku 10 aribyo Niger, Maroc, Mali, Libia, Algeria, Egypte, Mauritanie, Tchad, Sudan, Tunisia . Hari n'ubutayu bwa Karahari buherereye mu majyepfo ya Afurika.

8. Umusozi wa Kilimanjaro (Tanzania)

Afurika izwiho kugira imisozi miremire, ahantu hafasha abashaka gutembera mu misozi, guca uduhigo two kuzamuka imisozi. Imisozi miremire ibakena muri Afurika y'uburasirazuba mu bihugu birimo; **Tanzania, Kenya, Rwanda, Uganda, Ethiopia, Eritrea**. Umusozi wa Kilimanjaro (Tanzania) ni umwe mu misozi miremire ku isi.

9. Ibirwa

Afurika ikikijwe n'inyanja, muri izo Nyanja harimo ibirwa (Madagascar, Mombasa, Zanzibar, Seychelles, Sao Tome & Principe, Maurice, Lamu,...) bituwe cyane, muri byo hari ibigize ibihugu. Ikirwa cya Madagascar ni kimwe mu birwa binini, kikaba igihugu mu bihugu bigize uyu mugabane, gihereye mu Nyanja y'ubuhinde.

10. Robben Island (South Africa)

Ikirwa cya Robben gifite km² 5,18, kiri mu nyanja ya Atalatika, hafi y'umujyi wa Cape Town. Ni ikirwa cyashyizwe mu mirage y'isi ya UNESCO, ni ahantu hazwi kuba harafungirwaga abantu mu gihe cya Apartheid muri Afurika y'epfo. Ahantu hafungiwe nyakwigendera Perezida Nelson Mandela. Kizwiho ubusobanuro bw'ubumuntu, demokarasi n'uburenganzira ku kiremwa muntu.

Gusura ikiyaga cya Malawi

Ikiyaga cya Malawi cyangwa Ikiyaga cya Nyasa (Tanzania), Lago Niassa (Mozambique). Ni ikiyaga giherereye muri Afurika y'uburasirazuba ishyira amajyepfo hazwi nka East African Rift Valley.

Mu akarere bita akarere k' Afurika y'Ibiyaga Bigari, aho habaye iruka ry'ibirunga maze hakavuka ibiyaga.



Impamvu yo ku gisura

Ni ikiyaga gihuza ibihugu bitatu (Malawi, Mozambique na Tanzania)

Gifite amateka yo kuba kiri mu biyaga bishaje kimaze hafi imyaka Miliyoni ku isi.

Kizwiho kugira urusobe rw'ibinyabuzima byinshi.

Ni ikiyaga kiri mu mirage y'isi ku ruhande rw'igihugu cya Malawi (Lake Malawi National Park) kuva mu mwaka wa 1984.

Ikiyaga cyagezweho na David Livingstone

Ikiyaga cyabereyeho intambara ya Mbere y'isi, hagati y'abongereza n'abadage.

Uko wagisura



Ushaka gusura iki kiyaga
wakwinjirira mu bihugu
bitatu :
Wanyura ku ruhande rwa
Malawi
Wanyuraku ruhande rwa
Tanzania

Wanyura ku ruhande rwa Mozambique.

Wakoresha ubwano, indege n'imodoka.

Ibindi wasura bicyegereye

Kureba Uruzi Ruhuhu rukisukamo

Kugenda mu Bwato

Koga

Kureba ukuntu inyoni ziba ziguruka hejuru yacyo zirya amafi

Kureba ukuntu abantu baroba amafi.

Aho wacumbika no Kurya



Ni ikiyaga kiri mu byiza nyaburanga
bya buri gihugu gikoraho. Haragwa
n'ibikorwa by'iterambere bifasha
abahatemberera, abahagenda muri
rusange.
itewe n'igihugu winjiriyemo, Wa-
basha kubona aho ucumbika
byoroshye.

6 Reasons to Be in Rwanda in 2025

Known as the *Land of a Thousand Hills*, Rwanda is a breathtaking destination in the heart of East Africa, covering 26,338 km² in the Great Lakes region. From unforgettable wildlife experiences to world-class sporting events.



2025 is the perfect year to explore Rwanda. Here's why:

❑ 1. Gorilla Trekking in Volcanoes National Park

Experience one of the most magical wildlife encounters on Earth. Trek through the misty rainforest of Volcanoes National Park to see **endangered mountain gorillas** in their natural habitat — an awe-inspiring adventure led by expert guides and supported by world-class conservation efforts. Only a few places on the planet offer this, and Rwanda does it best.

❑ 2. Breathtaking Landscapes

Rwanda is a haven for nature lovers. From the rolling green hills to the sparkling shores of **Lake Kivu**, the scenery is nothing short of stunning. Hike the **Virunga Mountains**, bike the **Congo Nile Trail**, or explore tea plantations and lush rainforests — every view is a postcard.

❑ 3. Remarkable Recovery & Clean, Safe Cities

Visit **Kigali**, one of Africa's cleanest and safest capitals. Rwanda's transformation since the 1994 genocide is a story of resilience, unity, and hope. A stop at the **Kigali Genocide Memorial** (a UNESCO World Heritage site) offers a moving tribute to the past and a testament to the country's progress.

❑ 4. Big Five Safaris in Akagera National Park

Yes, Rwanda has Big Five safaris! Head to **Akagera National Park** to spot lions, elephants, leopards, buffalo, and rhinos — all in a stunning savannah landscape with far fewer crowds than other safari destinations. Plus, enjoy birdwatching, hippo sightings, and boat safaris.

☕ 5. Coffee, Culture & Sports Excitement

Rwanda is known for producing some of the world's finest coffee. Tour a plantation, see the bean-to-cup journey, and enjoy a fresh brew with a view. Rwanda also celebrates its rich **culture through music, dance, and art**, and is now rising as a **top African sports destination**.

6. Enjoy Sport Attractions in Rwanda!

Rwanda is fast becoming one of Africa's top sports destinations, thanks to its impressive infrastructure and vibrant sporting culture. The country boasts world-class venues such as **BK Arena**, **Amahoro Stadium**, and **Petit Stade**, which are ideal for hosting major events. Rwanda's well-developed road networks have also made it a hotspot for cycling enthusiasts, so much so that cycling has become part of the Rwandan culture!

Exciting upcoming events in 2025:

❑ **May 2025:** Rwanda will proudly host the **Finals of the Basketball Africa League (BAL)** – 5th Edition, at the iconic BK Arena.

❑ **September 2025:** The country will welcome the **World Cycling Championships**, marking a historic moment for both Rwanda and African sports.

Senegal, les choses à connaître sur l'Île de Gorée

C'est un lieu chargé d'histoire et d'émotion au Sénégal. Il est inscrit sur la liste du patrimoine Mondial de l'UNESCO en 1978.



1. Un symbole de la mémoire de l'esclavage

L'île de Gorée est surtout connue pour avoir été un **lieu majeur de la traite négrière** entre le XVe et le XIXe siècle. Elle servait de point de transit pour les esclaves envoyés vers les Amériques. Ce passé en fait un **haut lieu de mémoire**.

2. La Maison des Esclaves

C'est le site le plus emblématique de l'île. Ce musée, avec sa célèbre "**Porte du non-retour**", rappelle les souffrances des esclaves arrachés à l'Afrique. La visite est intense, mais importante, pour comprendre une partie de l'histoire de l'humanité.

3. Une île au charme colonial

Malgré son passé tragique, Gorée est une île **colorée et paisible**, avec de jolies maisons coloniales, des rues pavées, des bougainvilliers, et une ambiance presque méditerranéenne. C'est aussi un lieu de vie et de culture.

4. Un centre artistique et culturel

De nombreux **artistes locaux** vivent sur l'île. Tu y trouveras des **galeries d'art**, des ateliers, et des vendeurs de peintures, sculptures, bijoux, etc. L'art est omniprésent, souvent engagé, et toujours vibrant.

5. Accessible facilement depuis Dakar

L'île se situe à environ **20 minutes en ferry depuis Dakar**. C'est une excursion parfaite pour une **journée ou une demi-journée**. Attention : elle est très prisée, surtout le week-end, donc il vaut mieux partir tôt.

Prends ton temps, l'île est petite mais riche.

Privilégie des chaussures confortables pour te balader.

Respecte les lieux de mémoire, surtout à la Maison des Esclaves.

Tu peux déjeuner sur place : il y a des petits restos sympas avec vue sur la mer.

Ikiganiro

Zambia; ibitekerezo mu gukora ubukeraru-
gendo burambye



Tariki ya 14- 24 Kanama 2018 I Living-
stone mu muji w'ubukerarugendo wa
Zambia habereye amasomo yo kwigisha
abantu bakora mu kubungabunga imi-
rage baturutse mu bihugu bigera 17 bya
Afurika aribyo Zambia, Zimbabwe,
Cote d'Ivoire, Nigeria, Rwanda, South
Africa, Lesotho, Mozambique, Namibia,
Botswana, Egypte, Ethiopia, Kenya, Mad-
agascar, Malawi, Ile Maurice, Tanzania.

Ni amasomo yaragamije kwigisha abantu baturuka muri Afurika kumenya guha agaciro abantu beger-
eye imirage y'isi (African Regional Course on Promoting People Centred Approaches to conservation of
Nature and Culture :PNC18). Yabereye hafi y'umurage w'Isi wo muri Afrika wa Mosi-Oa-Tunya/Victoria
Falls uri ku ruzi rwa Zambezi, uhuriweho na Zambia na Zimbabwe.

Amasomo yatanze n'abarimu, abayobozi b'ingoro ndangamurage n'iz'umurage, abashakashatsi ku
mirage bavuye hira no hino ku isi. **Yateguwe na ICCROM kubufatanye na UNESCO, IUCN, African Her-
itage Fund, Norwegian Ministry of Climate and Environment hamwe National Heritage Conservation
Commission yo muri Zambia**

Dore ibitekerezo k'ubukerarugendo burambye byatanze n'abamwe mu bari bitabiriye ayo masomo:

Mr Kassoum Batjeni Soro

Akora muri Sub Director of Interpretation, Education and Tourism/Ivorian Officer for Cultural Heritage
mu gihugu cya Cote d'Ivoire. Soro avugako hakwiye kujyaho uburyo bwo kugabanya ibyangiza
ibidukikije. Urugero: gukoresha uburyo rusange bwo gutwara abantu (bisi, autobus..), gukoresha uburyo
bufata imyanda y'inzeho zose no mu nkengero z'imihanda. Kwirinda ba mukerarugendo benshi ahantu
h'ubukerarugendo mu kwirinda abakerarugendo benshi (tourisme de masse). Kubaha amategeko
n'amabwiriza, kubaha imico n'imigenzo ya benegihugu cyane abo mu miryango yasigaye inyuma ham-
we n'imigenzo yabo. Kandi mu nzego z'ubukerarugendo bakwiye gutegura ibikorwa kuri ba mukeraru-
gendo, ku basobanurira akamaro ku bukerarugendo burambye.

Ms SEMERARI Ottavia

Yari Course Assisant PNC18 sites unit-ICCRUM. Ottavia yavuze ku kibazo cy'ubukerarugendo mu gihugu cye cy'Ubutariyani, atanga ingero mu mujyi nka Rome aturukamo, n'indi mijyi nka Venice, Florence na San Gimignano aho haza abakerarugendo benshi cyane, bakaza mu modoka nini. Muri Venise baza mu bwato bakangiza ibidukikije .

Agaragaza ikibazo giterwa n'abamukerarugendo aho abaturage bahitamo kuhava bagatanga amazu yabo, bakayakodesha, ubuzima bugahenda, hagafungurwa amaduka y'abashinwa (Made in China)! Abaturage bagahitamo kuja gutura mu nkengero z'imijyi bahuga akavuyo k'abakerarugendo benshi, mu by'ukuri ubwiza bw'umujyi bukabura, uruhare rw'abakavukire bukabura. Atekerezako hakwiye kubaho ingamba zo kwiga kuri icyo kibazo cy'abamukerarugendo bangiza byinshi kurusha inyungu. Akifuzako hakwiye guhagarikwa ubwato mu mazi, n' imodoka zijya rw'agati I Rome. Imodoka rusange z'abenegihugu zigahabwa agaciro.

Ubukerarugendo burambye ni gato mu bukerarugendo, aho abakerarugendo bacumbika igihe gito, bakarara ahantu basuye bakiga ubuzima bwaho. Imijyi ikwiriye gushyiraho uburyo bwo guha ahaciro n'imigenzo byaho noneho n'abakerarugendo bagakangurirwa kubyubaha. Usaga ari abanyagihugu bumva akamaro k'ibidukikije n'imigenzo yabo abandi bakumva ko bizubahwa.

Byabayeho I Rome aho umukerarugendo yangije ikintu cyo mu kinyejana cya 17 (Marble Fountains) cyarangaga umujyi. Abakerarugendo ntabwo bakwangiza ibyo byose bazi abo banyabugeni n'amateka yaho.

Mu by'ukuri kubaha byagakwiye kuba ibyibanze mu myemerere ya muntu gusa habaho kutita kubintu. Uko byaje/icyo bimaze? Sintemera gushyira amabwiriza mu nzira ko ari bwo buryo bwiza. Icyo mbere ni ukureka abantu bakumva akamaro cy'icyo kintu.

Yatanze urugero rw'ifoto iri muri ngoro ndangamurage ya Louvre (Louvre Museum) kwereka abashyitsi ko badakwiye gukora ku bihangano. Ibisobanuro ni ingenzi cyane, maze abakora mu rwego rw'ubukerarugendo hamwe n'inzego za leta bagakorana.

Tukuyobore,.....



Kugera kuri sitade Amahoro

Sitade Amahoro yubatwe mu mwaka wa 1987.
Izwi nk'urugo rw'Ikipe y'Igihugu Amavubi.


Kuva yavu-
gururwa iga-

tahwa ku mugaragaro na Perezida Paul Kagame ,
tariki ya 1/7/2024, umukino wahuje APR FC na Po-
lice FC, umukino ukarangira arii 1-0.

Ubu yabaye kimwe mu bintu bikurura abantu baje
kuyisura, kureba umupira,. Yakira abantu 45 508



Dore uko wayigeraho



Utaretse muri Gare Nyabugogo, yo mu Muji

Ni ugutega imodoka igana Remera cyangwa Kimironko.

Ugeze muri Gare ya Remera, uzamuka umuhanda wa ma-
buye uri iruhande rwayo ni muri Metero 100.

Uturutse muri Gare ya Kimironko, utambika ugana Kwa
Lando. Uzahita uyibona..

Uturutse mu muji, uviramo mu Gisimenti.

Uturutse muri Gare ya Nyanza na Kabuga: Haba hari imodoka zigera muri izo gare ya Kimironko
cyangwa Remera.

Ufashe Moto cyangwa Taxi Voitue, irahakugeza neza neza.

Inama

Umwaka mushya: Ingamba 12 wafata muri uyu mwaka



Ni byiza gutangira umwaka ufite ingamba ugomba kugenderaho, bituma ubasha kubaho neza, nta mbogamizi kuko uba ugendera kuri izo ngamba wihaye. Uba urimo gushyira mu bikorwa ibitekerezo, ibikorwa, ibyifuzo ufite. Gufata ingamba bireba buri wese; umwana, urubyiruko n’abakuru, haba uwo mu muji cyangwa mu cyaro. Ni byiza kubaho ufite ingamba kuko zituma ubasha kugera ku ntego zawe.

Mutarama: Gufata ingamba zo kuzigama

Ni byiza gutangira ingamba ufata ingamba zo kwizigamira, kubika, gushyira ku ruhande amafanga ashobora kugufasha mu gihe runaka.

Kuzigama ni ibya buri wese, umuntu mukuru, umwana, urubyiruko n’abakuze kuko hari igihe ugeramo ugatabarwa n’ubwizigame.

Urugero: Kuzigamira ishuri ushaka kuzigamo, kuzigamira urugendo ushaka gukora, kuzigamira imishinga y’urugo n’ibindi.

Gashyantare: Gufata ingamba yo gusoma ibitabo

Gusoma bituma ugira ubumenyi, ukaruhuka, ukagira ibitekerezo byagutse. Gufata ingamba yo gusoma ibitabo ni ikintu cyiza, kizagufasha mu buzima bwawe, haba ari ku ishuri cyangwa muri bisinesi, mu kazi...

Ibitabo wasoma n’amasomero wagana muri uyu mwaka reba ku rubuga www.igicumbi.com (ibitabo by’abana, urubyiruko n’abakuze.)

Werurwe: Kwihugura mu bumenyi
Gushaka ubumenyi mu kintu runaka, kwihugura mu kazi kawe, amahugurwa runtaka,... kwiga ntabwo birangira. Ni byiza gukomeza kwihugura mu bintu bitandukanye, ibintu wifuza kuba byagufasha, ibintu ukunda,... Kwiga si ukwiga ushaka impamyabumenyi, ushobora kwiga ugirango umenye icyo kintu ku buryo wajya ukikorera, ushaka ku kigisha abandi, ugikunda se,...

Mata: Kuja gusura urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Buri mwaka, mu Rwanda twibuka abatutsi bazize uko bavutse, uko baremwe muri Mata 1994. Gufata umwanya ukajya gusura urwibutso ukabasha gusobanukirwa n'ibyabaye. Hari inzibutso ziri ku rwego rw'akarere, intara n'igihugu. Ubu hari inzibutso enye (Gisozi, Murambi, Bisesero na Nyamata) zashyizwe mu mirage y'isi icungwa na UNESCO.

Gicurasi: Gukora Siporo

Siposo ni ubuzima! Gufata ingamba zo gukora siporo ni ukugirango ukomeze ugire ubuzima bwiza, gukora siporo si ukubylimba gusa, bifasha mu kugira umubiri mwiza, amaraso agatembera neza, ubwonko bugakora neza, ntabwo usaza imburagihe.

Urugero: *Gufata ingamba yo kuzitabira Kigali International Peace Marathon*

Kamena: Kuzamuka umusozi

Impeshyi iba yatangiye mu gihugu cy'imisozi igihumbi! Ugomba kuzamuka imwe muri iyi misozi yo mu Rwanda, ari mu rwego rwo gutembera cyangwa siporo. Bitewe n'akarere utuyemo, ntabwo wabura ahantu uza zamuka. Ushobora kugira ingamba yo kujya uzamuka umusozi buri kwezi cyangwa kabiri mu mwaka, no kuba ufite umuhigo wo kuzamuka umusozi runtaka, iki n'icyo gihe.

Urugero: Kuzamuka Umusozi wa Kabuye mu karere ka Gakenke (niwo muremure mu Rwanda).

Nyakanga: Kumara weekend ku Kiyaga cya Kivu

Kujya gutembera ku kiyaga cya kivu (Karongi, Rubavu cyangwa Rusizi) mu rwego rwo kuruhuka, igice cy'umwaka kiba gishize, uba ugomba gufata akanya, ukishimamo, ukajyana n'inshuti n'abavandimwe, abo mukorana...

Ni igihe haba hari iserukiramuco rikomeye ribera muri Rubavu (Kivu Festival)

Kanama: Gukora igikorwa cy'ubukorerabushake

Kubaho ni ugufasha n'abandi, ni byiza kugira imbaraga n'ubushake bwo gukora ibikorwa by'ubukorerabushake muri Kanama. Aba ari igihe cy'ibiruhuko, igihe cy'izuba ryinshi, haba hari ahantu henshi wakora ibi bikorwa hirya no hino mu gihugu.

Wasura urubuga www.igicumbi.com ukareba ahantu wajya gukora.

Nzeri: Guhinga

Ibikorwa by'ubuhinzi bigezweho, guhinga ushaka ibyo kurya cyangwa uginga nk'akazi. Igihe cy'ihinga A gitangira mu kwa Cyenda ni byiza kuzirikana ko ukwa cyenda kugera waratangiye kwitegura guhinga, ugahinda mu ba mbere. Izuba riba rimaze igihe kirekire ni byiza ku muntu ufite umurima,

umuntu ukora ibikorwa
by'ubuhinzi, cyangwa wifuza ku-
bikora kuzirikana iki gihembwe
cy'ihinga.

Ukwakira: Kwizuzumisha indwara

Kubaho ufite ubuzima bwiza ni ukumenya
uko ubuzima bwawe bumeze, kugira ingam-
ba zo kwisuzumisha indwara zitandukanye
rimwe cyangwa kabiri mu mwaka ni ikintu
cyiza. Kwisuzumisha Indwara zitandura
cyangwa izandura bituma ubasha kumenya
ukuntu ukwiriye kubaho igihe usanze ur-
waye.

Ugushyingo: Gushirika ubwoba

Nta kubaho uhora mu kintu kimwe, mu buzi-
ma bumwe waratinye kugerageza ibindi bin-
tu, gukora ikindi kintu. Tinyuka urashoboye!
Gufata ingamba zo gukora ikintu gikomeye
mu buzima bwawe.

Urugero: *Gusaba urukundo umukobwa
watinyaga, kubwira umusore ko umukunda,
kuzamuka ibirunga, gukora urugendo rwa
Crête Congo Nile Trail cyangwa Liberation
Trail, kujya gutembera mu kindi gihugu
wenyine, kureka ibiyobyabwenge n'ibindi,*

Ukuboza: Gusura Inshuti

n'Abavandimwe

Umwaka uba urimo kurangira ni igihe
cy'iminsi mikuru, kongera guhura n'inshuti
n'abavandimwe mugasangira.

mu kishimira kurangiza umwaka mufata n'ingamba
z'umwaka mushya ugiye kuza.

Izi ngamba buri wese yayishyira mu kwezi ashaka.

Ni byiza ko umwana yaganiriza umubyeyi ku ngam-
ba afite, inshuti zikaganira ku gamba zifite, abako-
rana mu kazi bakaganira ku ngamba bafite, bituma
mubasha kuzamurana.

Umwaka mushya mwiza!!!!

Inkuru idasanzwe

Umwaka mushya wa 2025 , igitabo gishya cyasohotse ; Le Concept de Safari : Un Cadre Africain Pour les soins de Fin de Vie

DR. CHRISTIAN NTIZIMIRA

Préface du Dr. Susan D. Block
Professeure de Psychiatrie et de Médecine, École de Médecine de Harvard



**UN CADRE AFRICAIN POUR
LES SOINS DE FIN DE VIE**

Umwanditsi mu gitabo yaditse: *hari umugani mugufi mu Kinyarwanda uvuga uti<<: Iyo umeze neza, uba uri uwawe/biba ari ibyawe. Ariko warwara ukaba uw'umuryango.>>*

Ni igitabo kigizwe n'amapaji 183, kiri mu rurimi rw'icyongereza n'igifaransa. Safari bivuga urugendo mu rurimi rwa Kinyarwanda, muri iki gitabo, bivuga urugendo umurwayi aba arimo. Umwanditsi avuga ku buzima bw'abarwayi barwaye indwara zidakira, bari mu minsi yabo

Igitabo Le Concept de Safari : Un Cadre Africain Pour les soins de Fin de Vie, cyanditswe na Dr Christian Ntizimira, gisohoka tariki ya 18 Mutarama 2025 kuri Mundi Center.

Dr Christian yari kumwe na Dr Déo Mbonyin-kebe basobantura akamaro k'iki gitabo ku ruhande rw'abanyarwanda n'abanyafurika muri rusange.



ya nyuma yo kubaho. Ubuzima baba barwariyemo, uko imiryango yabo ibaba hafi, uko abaganga babavura.

Akomeza avuga kumva ububabare bw'umurwayi urembye ni ngombwa kumuha ubufasha bushoboka bwose; ku bantu ba muri hafi, inshuti, umuryango ndetse n'abandi muri rusange.

Asobantura ko abakora kwa muganga babikoresha mu kumenya amarangamutima y'umurwayi n'ay'umuryango we.



Igitabo kigaragaza ubuhamya bwe bwite yanditseho, bushingiye ku bushakashatsi no ku kazi ke. Igitabo gifasha kugira ubumenyi n'ibisabwa byibanze byo gufasha umuntu uri mu minsi ye ya nyuma.

Igitabo gifasha kvanaho imipaka y'indimi n'u-muco, mu guha agaciro umuryango mu muco wa Kinyafurika. Gisaba abakora mu bikorwa byo kwa muganga gushyira mu bikorwa ibirimo mu gufata ibyemezo ku barwayi, nk'uko byakorwaga kera mu kinyagihumbi gishize.



Dr Christian Ntirimira ni umuyobozi wa African Center for Research on End-of-Life Care (ACREOL), ikigo cy'ingenga kigamije kongera imbaraga n'ireme mu kwita ku buzima no kwita ku barwayi barembye.

Kwiga Indimi

IKINYARWANDA

Igihe gikuru cy'inshinga cy'Indagihe

Ikivuga ibiriho, iby'ubu, n'ibyo dukora nk'akamenyerero. Indagihe ivuga ibiba muri ako kanya, ibiba ubusanzwe, ibyabaye kera bivugwa mu nkuru, ibikorwa bigikomeza, bityo ikigabanyamo; indagihe y'aka kanya, indagihe y'ubusanzwe n'iy'imbarankuru, n'iy'igikomeza

1. Indagihe y'ubu

Ubungubu, mu kanya kaza, mu kanya gashize, indagihe y'ubu yumvikanisha ikirimo gukorwa ubu, aho uvugiyeye.

Urugero: Ndasoma igitabo

2. Indagihe y'ubusanzwe

Yumvikanisha igikorwa gisanzwe gikorwa. Nta wamenya intangiriro n'iherezaho ryacyo.

Ingero: Nsoma igitabo

Iyo mbonye akanya ndasoma

Ndasoma buri muni

3. Indagihe y'imbarankuru

Umuntu ayikoreshe avugaga ibyabaye kera nk'aho ari iby'ubu. Isa nk'indagihe y'ubusanzwe, bigatandukana nira ku nshoza

Ingero: Yagiye mu nzu nuko arambura igitabo

arasoma

Nuko icyo gihe turasoma abantu baratangara

4.Indangihe y'igikomeza

Yumvikanisha igikorwa kikirimo gukorwa ubungubu, nta wamenya igihe cyatangiriye, nta n'uwamenya igihe kiri burangirire.

Ingero: Ndacyasoma igitabo

Turacyategura ibikorwa tuzakora mu muganda.

Hari n'indagihe y'igikomeza ikoreshwa kenshi mu nteruro zisa n'izibaza, ariko zinatangara.

Ingero:

Ubu se ndacyasomye cya gitabo ko ndeba bwije!

**Urutare rwa
Kamegeri ruri mu
Karere ka
Ruhango.**

Ile de Gorée (Senegal)

Rock-Hewn Churches/Lalibela (Ethiopia)

Simien National Park (Ethiopia)

are first world heritages sites from Africa, registered
in 1978.

Kinyarwanda

English

Mwaramutse Good Morning

Mwiriwe Good afternoon

Muraho/Amakuru ki? How are you?

Urakoze Thank you

Murabeho/Wirirwe Bye Bye

Utuye he? Where do you live?

Ugiye he? Where are you going?

Witwa nde? What is your name?

Iki ni iki? What is this?

Uri nde? Who are you?

Le couscous marocain, ainsi que celui d'Algérie, de Tunisie et de Mauritanie, a été inscrit sur la liste du patrimoine culturel immatériel de l'UNESCO en 2020

**The Residence of Bishop
Bigirumwami was originally
constructed in 1947.**

Umugani & Insigamigani

Umugani wa Nyanshya na Baba

Habayeho umugabo n'umugore bakagirana abana babiri, umuhungu n'umukobwa. Umuhungu akitwa Baba naho umukobwa akitwa Nyanshya.

Bukeye uwo mugabo aza gupfa. Hashize iminsi na wa mugore arapfa. Abana basigara bonyine. Nyanshya na Baba bajya mu ishyamba, bakajya batungwa no guteza utunyononi. Umuhungu ashakira mushiki we akazu mu rutare.

Umuhungu akajya ajya guhiga utunyononi. Umukobwa agasigara aho. Umuhungu akaza nijoro. Yaba atahutse akaririmba ati «

Nyanshya ya Baba, nyugururira.

Mwana wa mama, nyugururira.

Nishe akajeje ni akawe na njye.

Nishe agaturo ni akawe na njye.

Nishe agafundi ni akawe na njye.

Akanini karimo tuzakagabana. »

Mushiki we ati « baruka rutare Baba yinjire. » Urutare rukabaruka. Akazana utunyononi bakarya, umukobwa yaba afite agafu, akarika, bakarya, bwacya mu gitondo, igihe cyo mu bunyoni, musaza we akabaduka akajya guhiga utunyamaswa two kubatunga. Akica agafundi, akica udukwavu, akica agakware, bwira agataha. Yagera kuri rwa rutare akaririmba, ati:»

Nyanshya ya Baba, nyugururira.

Mwana wa mama, nyugururira.

Nishe akajeje, ni akawe na njye.

Nishe agakwavu, ni akawe na njye.

Nishe agafundi, ni akawe na njye.

Akanini karimo tuzakagabana. »

Nyanshya.ati: « baruka rutare Baba yinjire. » Urutare rukabaruka. Musaza we akinjira. Bagateka bakarya. Bwacya mu gitondo agasubira guhiga.

Bukeye haza ikinyamaswa cyitwa Kizimu, cyumviriza ibyo Baba avuga aririmba. Umunsi umwe kigerageza kumwigana. Wa mukobwa ati « iryo jwi ko atari irya musaza wanjye ? » Alicecekerera, cya gisimba kiragenda ariko ntibyatinda kiza gushobora kwigana Baba.

Umukobwa ati « baruka rutare Baba yinjire. » Urutare rurakinguka. Abona igipyisi kiraje. Ati « ye data we ! »

– Sogokuru ngukarangire utuyuzi tw' utudegede ?

– Turakakudegeda mu nda.

– Sogokuru ngukarangire utuyuzi tw'impaza ?

– Yego mukaka wanjye. Wa mukobwa afata akungo, akaranga utuyuzi, ati « rero sogokuru, urutaru ruka ruja hanze, ni urwawe, urutaruka ruja mu mbere ni urwanjye, urujya mu rutara,

ni urwa musaza wanjye » Warupyisi iti « ndabyemeye. »

Nuko akaranga za nzuzi. Uruyuzi rumwe rurataruka, ruja hanze. Nyanshya ati « ngurwo urwawe uragiye. » Cya gipyisi cyiruka kijya hanze. Wa mukobwa ati «fatana rutare. »

Urutare rurafatana... Umukobwa aguma aho. Cya gipyisi kiragenda.

Musaza we aza kuza nimugoroba, yongera guhamagara mushiki we uko asanzwe abigenza. Undi araceceka, agira ubwoba agira ngo ni cya gipyisi kije. Musaza we arongera arahamagara, mushiki we aza kumva ko ari we. Abwira urutare ati « baruka Baba yinjire.» Urutare rurabaruka. Baba arinjira, asanga Nyanshya yagize ubwoba. Ati « ni bite ? » Undi ati « ndeka aha haje ikinyamaswa kimpamagara nk'uko usanzwe umpamagara.» Maze nti «baruka rutare Baba yinjire, urutare rurakinguka, mbona hinjiye igisimba. » Ndakibwira nti «Sogokuru, ngukarangire utuyuzi tw' utudegede.

» Ngo « turakakudegeda munda. »Ngukarangire utuyuzi tw'impaza? Ngo «yego Mukaka wanjye. »

Ndakibwira nti « urujya hanze ni urwawe, urujya mu rutara ni urwa musaza wanjye, urujya mu mbere ni urwanjye. » Noneho uruyuzi rugiyeye hanze ndakibwira nti «fata. » Cyirukiye hanze mbwira urutare rurafatana. Kimbwira ko nikigaruka kizandya.

Musaza we yirirwa aho, yiriranwa icumu n'umuhoro agira ngo nikigaruka acyice. Ariko cyari cyabumvirije kimenya ko ahari. Agitegereza iminsi itatu nticyaza.

Inzara ibishe ahinduka mushiki we, ati « umenya ari ubwoba bwari bwakwishe. » Nuko ajya guhiga utunyamaswa.

Igihe atarahiguka, cya gipyisi kiragaruka kirongera cyigana Baba. Umukobwa agira ngo ni musaza we, abwira urutare ngo rukinguke. Agiye kubona, abona hinjiye kandi cya kinyamaswa. Ati « ntabwo ibyanyje birangiye. » Akibwiye ngo agikarangire utuyuzi, kiti « ntatwo nshaka. » Giherako kiramurya. Musaza we aza kuza asanga cya gipyisi cyariye mushiki we, ahamagaye abura umwitaba. Abwira urutare rurakinguka, arinjira acana ziko. Arabutswe mu rusenge rw' urutare ukuguru kwa mushiki we, akeka ko yahagiye kubera ubwoba, ariko akumva amaraso amutonyangira. Arashishoza, asanga ukuguru ari ukwa mushiki we cya gipyisi cyashigaje.

Nuko arara aho, aryama ataryamye, bucya ajya guhorera mushiki we. Amaherezo avumbura cya gipyisi, agiye kucyica, kiti " banza uce aka gatoke ukuremo nyogosenge nariye. Ca n'akangaka k'ibulyo ukuremo sowanyu nariye. Tema n'iki gikumwe, ukuremo mushiki wawe." Baba abigenza atyo, agikuramo bene wabo. Agitera icumu aracyica. Anyaga ibyo kwa cya gipyisi byose, nuko araboneza aritahira, ibyishimo ari byose.

Si jye wahera, hahera Warupyisi.

Imikino-Jeux-Games

Huza Ibyiza Nyaburanga, Ahantu ndangamateka/Ndangamuco n’uturere biherereyemo mu Rwanda

Ibyiza Nyaburanga Ahantu ndangamateka/Ndangamuco	Akarere
Ingoro Ndangamurage ya Kandt (Kand Museum)	Nyaruguru
Umusozi wa Mbuye	Gicumbi
Ubutaka butagatifu bwa Kibeho	Gasabo
Umurage w’isi, Urwibutso rwa Jenoside rwa Nyamata	Nyarugenge
Liberation Museum	Bugesera
Inteko Ishinga Amategeko y’u Rwanda	Kicukiro
Pariki y’Igihugu y’Akagera	Rubavu
Sitade Amahoro	Gakenke
Ikiyaga cya Kivu	Nyamasheke

- ♦ Agura ubwenge bwawe umenya ibyiza Nyaburanga, ahantu ndangamateka na Ndangamuco mu Rwanda na Afurika.
- ♦ Koresha ikaramu uhuza.
- ♦ Wakina wenyine, Inshuti/Abavandimwe, Abakozi, Abanyeshuri (Mu matsinda)
- ♦ Abatsinze bagahembwa!!
- ♦ Guhitamo amatsinda abiri (A na B), bakabazanya, abatsinze bagakomeza kubaza, abatsizwe bakareka irindi tsinda rikabaza. Nyuma bagateranya amanota hakaboneka abatsinze.

Amafoto-Photos





Itorero Indangamirwa rya UR-CST ryatwaye irushanwa ry'imbyino Gakondo mu Rwanda.

Ni amarushanwa yari yitabiriwe n'amatorero 21 y'amashuri makuru na Kaminuza zo mu Rwanda, yaranzwe n'imbyino gakondo za kinyarwanda z'im-pande zose z'u Rwanda, harimo; umushagiri, Ikinimba, Ikinyemera, Igishakamba, Gusaama, n'u-muhamirizo w'intore.

Ni amarushanwa yateguwe na Minisiteri y'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, rifite insangan-yamatsiko yari; Imbyino Gakondo, umwimerere nyarwanda. Ni mu rwego rwo gukundisha uru-byiruko umurage ndangamuco w'u Rwanda binyuze mu mbyino gakondo kandi no kubibanza umu-saruro.

Irushanwa ryatangiyemo muri Mutarama 2025, rizengurukira igihugu cyose, ritangirira ku rwego rw'u-turere, rigera ku ntara risoreza ku rwego rw'igihugu.

umunsi wa nyuma wabaye tariki ya 30 Werurwe 2025 muri Kigali Cultural Village (Camp Kigali) hari abayobozi bakuru barimo; Minisitiri Utumatwishima Abdallah (Minisitiri muri Miniteri y'Uru-byiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi), Uwacu Juliene (Umuyobozi Ushinzwe Itorero n'iterambere ry'Umuco muri Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu/ Minubumwe), Amb.Masozera (Intebe y'Inteko y'Umuco).

Itorero Inyamibwa niryo ryabaye irya mbere ribona igihembo cya Miriyoni Eshanu (5 000 000 frw).

Itorero Indangamuco rya UR-Huye ryabaye irya kabiri, rihabwa Miriyoni 3 000 000 rwf.

Itorero Uruyange rya UR-CAVM, ryabaye irya gatatu, rihabwa Miliyoni 2 000 000 rwf.

Minisitiri Utumatwishima Abdallah, Minisitiri muri Miniteri y'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi yashimiye urubyiruko rwitabiriye, ashimira ibigo by'amashuri byabishyigikiye. Abashimira uko baserutse n'umwihariko wagiye ugaragara.

Umuyobozi w'Itorero Indangamirwa; Rusagara Rodrigue yatanze ubuhamya; ko kubyina Kinyar-wanda byamuteje imbere, ko yabashije kujya mu ndege atari kuyijyamo.

Kwamamaza-Marketing

Ukunda gusoma? Ukunda Kwandika? Ufite isomero? Ufite ikigo ndangamuco? Utanga serivisi z'ubukeraugendo? Igicumbi Magazine ntikizabure ahantu ukorera! Turabigusabye.

Igicumbi Magazine ni ikinyamakuru kikugezaho inkuru z'ubukerarugendo, umuco, amateka, ubukerarugendo n'imirage by'u Rwanda na Afurika.

Igicumbi Magazine isohoka buri mezi atatu;
Mutarama-Werurwe, Mata-Kamena, Nyakanga-Nzeri,
Ukwakira-Ukuboza.

Ushaka kumenyekanisha ibikorwa byawe ndangamuco,
by'ubukerarugendo. Tugane Tugufashe.

Igicumbi Magazine cyagenewe abantu bose; abana, urubyiruko n'abakuze!

Igicumbi Magazine cyandikwa mu ndimi enye ikinyarwanda,
igifaransa , icyongereza. n'igiswahili.

Soma Igicumbi Magazine kuri:

www.igicumbi.com

Twandikire/Contactons-Nous/Contact us:

Email: umuragewacugroup@gmail.com

Tel +250796512151



@umuragewacu



@umuragewacugroup



@umuragewacu